Umuntu uzambeshyera ku bwende, aziteganyirize icyicaro cye mu muriro

Hadith yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Umuntu uzambeshyera ku bwende, aziteganyirize icyicaro cye mu muriro."

[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko uzayibeshyera ku bwende ayitirira imvugo cyangwa se igikorwa, ku munsi w'imperuka icyicaro kizaba ari mu muriro, nk'ingororano yo kuyibeshyera.

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/65043